Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nzeri / September 2020 *Ikinyarwanda*

Babarira! Bitari karindwi ahubwo inshuro mirongo irindwi karindwi!

(reba Mt 18,21)

Tangira bundi bushya!
Start again!

Nshuti bakunzi b'ijambo,

Igipimo cy'ubushyuhe cyari cyazamutse kirenga dogere 40°. Mu itsinda rito ry'abanyamuziki mpuzamahanga hari hateguwe igitaramo gisoza ibirori. Ubumenyi mu muziki bwa buri umwe bwari butandukanye n'ubw'undi, kwiringirwa no kubahiriza igihe bya buri umwe muri bo na byo byari bitandukanye. Ibyo byari ikibazo gikomeye ku wari ushinzwe gutegura icyo gitaramo. Nimugoroba aradutekerereza: „Hari igihe cyageze numva ndananiwe, mbabaye ku buryo nasutse n'amarira. Umunsi wose nagerageje kugendera ku ntego igira iti: ‚Tangira bundi bushya'. Hari indirimbo imwe yari itarasubirwamo binoze. – Tangira bundi bushya! Umwe mu bagize itsinda ry'abanyamuzika yaje mu myitozo akererewe. Yasanze twarangije kwitoza indirimbo ya mbere. – Tangira bushya. – Igitereko basomeraho amanota na cyo kigira gitya kitura hasi, ubwo imyitozo iba irahagaze. – Tangira bushya. Ubu rero aho bigeze ndumva ntacyo ntakoze, ariko kandi sinzi neza niba tuza gushobora guseruka? – Tangira bundi bushya!"

Kutibanda ku bicantege no gucira abandi imanza, ku bikomere cyangwa amakosa yabo, ibi byose si ibintu byari binyoroheye na gato! Uyu ni umwitozo uhambaye wa roho. Ni gute byagendekeye Petero? N'ishyaka ryinshi ku murimo, yakoranaga na murumuna we Andereya ndetse na Yakobo na Yohani. Aba babiri banyuma bari barahawe akabyiniriro „beninkuba". Uko imirimo yakorwaga mu bwato ku kiyaga cy'i Nazareti, buri wese yagerageza kubyiyumvisha. Wasanga haravugwaga amagambo aremereye ndetse anakomeretsa. Igihe kimwe Petero yumvaga asa n'urambiwe, ni ko kubaza Yezu ati: „Uwo tuva indimwe nancumuraho nzamubabarire kangahe? Nzageza ku nshuro ndwi?" Izi na nazo zari kuba zirenze kuba nyinshi! Ni uko yumva igisubizo cya Yezu: „Sinkubwiye kugeza kuri karindwi, ahubwo kuri mirongo irindwi karindwi!" Ni uko rero: Kuri Yezu, imbabazi ni ikintu „kitagira iherezo"! Kuri we bisobanuye ko: Ntuzigera urekera aho kubabarira! – Don't stop forgiving!

Ugerageza kubaho kuri ubu buryo buri munsi, ni intumwa nyayo y'amahoro. Ahora iteka aha amahoro amahirwe! Tugire ishyaka ryo kutareka kongera gutangira bundi bushya: **Tangira bundi bushya! Start again!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker